**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBUTABERA**
**P.O. BOX 160 KIGALI**

**INGINGO Z'INGENZI Z'IJAMBO RYA MINISITIRI W'UBUTABERA AKABA N'INTUMWA NKURU YA LETA MU MUHANGO WO GUSOZA KUMUGARAGARO INAMA IHUZA POLISI Y'URWANDA N'ITANGAZA MAKURU (Police-Media Interaction session).**

Ba Nyakubahwa mwese muteraniye hano ;

Banyamakuru ;

Abapolisi ;

Namwe mwese mwitabiriye iyi nama yahuje Polisi y'U Rwanda n'Itangaza makuru

Ndabaramukije.

Mbanje gushimira Polisi y'u Rwanda, Komisiyo y'itangazamakuru (Rwanda Media Commission/RMC) na Legal Aid Forum/LAF kuba mwateguye iyi nama y'ingirakamaro.

Kuva mugitondo mwiriwe mu biganiro bigamije gushimangira imikoranire hagati ya Polisi n'itangazamakuru hagamijwe gukumira ibyaha, kwirinda impanuka zo mu muhanda ndetse no kwitegura gucunga umutekano mu mpera z'umwaka tugiye gusoza. Ubwo bufatanye bugakorwa kandi kinyamwuga.

Insanganyamatsiko y'ibi biganiro yitwa :'' **Upholding the partnership journey through profesionalism ''.** Bisobanuye gushimangira no kurushaho gusigasira ubufatanye mu buryo bwa kinyamwuga.

Guhurira mu biganiro nk'ibi aho abanyamakuru na Polisi y'u Rwanda bahura bagasasa inzobe bimaze kuba umuco kandi bimaze gutanga umusaruro ushimishije.

Twongeye guhura mugihe k'impera z'umwaka, mugihe Polisi itegura gukora **''road safety campaigns''** ndetse no mugihe turimo gushyira mubikorwa ingamba zikomeye zigamije kurwanya ibyaha. Buri muntu arasabwa kugira uruhare mu kugabanya impanuka zo mu muhanda. Bigenze bityo zacika. Amategeko azabyunganira.

Gukumira, kurwanya ibyaha ni inshingano y'umwenegihugu, kutayubahiriza birahanirwa, buri muturage afite uruhare.  Abibwira ko ari inshingano ya Leta, ya Polisi, y'izindi nzego za Leta baritiranya ibintu.

→ Ibyaha byinshi bikorwa bimenywa n'abantu barenze umwe.

Tukaba dusaba itangazamakuru kuba ku isonga ry'ibikorwa byose bigamije kubungabunga umutekano w'abantu n'ibyabo.

Itangazamakuru ryagira uruhare ntagereranywa mu gukumira no kurwanya ibyaha kandi turabasaba ubufatanye.

- Ibyaha/amakosa bikorerwa mu muhanda w'ibinyabiziga
- Ibimunga ubukungu (ruswa, kunyereza umutungo, ubwambuzi, cheque zitazigamiye,uburiganya, kwiba..)
- White collar crime generally.
- Ibiyobyabwenge
- Ihohotera rishingiye ku gitsina
  →Gufata ku ngufu
  →Gufata ku  ngufu abana bato no kubatera inda n'indwara zandurira mu mibonana mpuzabitsina
  →Abagabo batera abana inda bakihisha cyangwa bahabihakana cyangwa bagashaka gushora abo bana mu bindi byaha.

Itangazamakuru rifite uruhare mu kubaza Leta ibyo ishinzwe gukorera abaturage {accountability}

Mukomeze mukore ibyiza mukora.

Uyu munsi, twahisemo guhura namwe kuko tuzirikana uruhare rwanyu ndetse n'ubufatanye tugirana mu rwego rwo gushishikariza abanyarwanda kugira imibereho myiza ishingiye ku mutekano n'iterambere rirambye.

Nkuko bisanzwe, igihe cyose muzakenera ubufatanye bwacu ndetse n'amakuru yafasha abanyarwanda, turabizeza kuyabagezaho.

Muruyu mwanya, ntizimbye mu magambo, nsoje kumugaragaro iyi nama yahuzaga Polisi y'u Rwanda n'itangazamakuru.

Mugire amahoro y'imana.